

AMABWIRIZA N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 YO KUWA 23/09/2015
AGENGA SERIVISI Z'IKWIRAKWIZWA
RY'AMAZI MU RWANDA

REGULATION N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 OF 23/09/2015 GOVERNING
WATER SUPPLY SERVICES IN RWANDA

REGLEMENT N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 DU 23/09/2015 REGISSANT
LES SERVICES D'APPROVISIONNEMENT
EN EAU AU RWANDA

ISHAKIRO

UMUTWE WAMBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza
agamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza

Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza

UMUTWE WA II: GUTUNGANYA AMAZI
NO KUGENZURA IMITUNGANYIRIZE

Icyiciro cya mbere: Gutunganya amazi
n'ubuziranenge bwa serivisi z'amazi
atangwa

Ingingo ya 5: Ibipimo by'amazi agenewe
gukoreshwa

Ingingo ya 6: Kubungabunga amazi
yatunganyijwe

Icyiciro cya 2: Ireme rya serivisi zo
gukwirakwiza amazi no kuyagenzura

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Regulation

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Scope of application

Article 4: Objectives of this regulation

CHAP II: WATER TREATMENT AND
MONITORING

Section one: Water treatment and quality of
service for water supplied

Article 5: Standards of water for consumption

Article 6: Protection of treated water

Section 2: Quality of service for water supply and
Monitoring

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Article premier : Objet du présent règlement

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application

Article 4: Objectifs du présent règlement

CHAP II: TRAITEMENT D'EAU ET
CONTROLE

Section première: Traitement d'eau et qualité
du service de l'eau fournie

Article 5: Normes de qualité de d'eau de
consommation

Article 6: Protection de l'eau traitée

Section 2: Qualité du service
d'approvisionnement en eau et Contrôle

Ingingo ya 7: Gusuzuma Ireme ry’itangwa rya serivisi z’amazi

Article 7: Assessment of Quality of water service provision

Article 7: Evaluation de la Qualité de la prestation des services d’eau

Ingingo ya 8: Ubwiza bw’amazi anyobwa

Article 8: Drinking water quality

Article 8: Qualité de l’eau à boire

Ingingo ya 9: Inshuro zo gufata ibipimo

Article 9: Frequency of Sampling

Article 9: Fréquence d’échantillonnage

Ingingo ya 10: Gushyiraho ahafatirwa ibipimo by’amazi

Article 10: Installation of sampling points

Article 10: Installation des points d’échantillonnage

Ingingo ya 11: Gusuzuma ubwiza bw’amazi anyobwa

Article 11: Monitoring of drinking water quality

Article 11: Contrôle de la qualité de l’eau à boire

Ingingo ya 12: Umuvuduko w’amazi

Article 12: Water Pressure

Article 12: Pression d’eau

Ingingo ya 13: Ingano y’amazi atangwa

Article 13: Quantity of water supplied

Article 13: Quantité d’eau fournie

Ingingo ya 14: Agace kagerwamo na serivisi z’amazi

Article 14: Service Coverage Area

Article 14: Zone de couverture des services

Ingingo ya 15: Serivisi zo gufatira ku muyoboro ukwirakwiza amazi

Article 15: Connection service to water supply

Article 15: Service de raccordement à l’approvisionnement en eau

Ingingo ya 16: Amafaranga atangwa kuri serivisi zo guhabwa amazi

Article 16: Connection service fees

Article 16: Frais de Service de Raccordement

Ingingo ya 17: Guhabwa amazi ku buryo budahagarara

Article 17: Continuity of water supply

Article 17: Continuité de l’approvisionnement en eau

Ingingo ya 18: Amasaha y’akazi

Article 18: Working hours

Article 18: Heures de travail

Icyiciro cya 3: Guhagarika ikwirakwizwa ry’amazi

Section 3: Interruption of water supply

Section 3: Interruption de l’approvisionnement en eau

Ingingo ya 19 : Impamvu zo guhagarika ikwirakwizwa ry’amazi

Article 19: Reasons for Interruptions

Article 19: Motifs d’interruption

Ingingo ya 20: Inshingano yo kumenyesha abakiriya ihagarikwa ry'ikwirakwizwa ry'amazi

Ingingo ya 21: Gushyiraho gahunda yo gusaranganya ikwirakwizwa ry'amazi

Ingingo ya 22: Gucokoza imiyoboro ya serivisi z'amazi

Ingingo ya 23: Kumenyesha ihagarikwa ry'ikwirakwizwa ry'amazi

Ingingo ya 24: Gukurikirana iyubahirizwa rya gahunda y'isaranganya

Ingingo ya 25: Kuvanwa ku muyoboro nta mpamvu zumvikana

UMUTWE WA III : GUSHYIRAHU MUBAZI Z'AMAZI NO KWISHYUZA

Icyiciro cya mbere: Gushyiraho no gusimbura mubazi z'amazi

Ingingo ya 26: Gushyiraho mubazi z'amazi

Ingingo ya 27: Gusimbura mubazi z'amazi

Icyiciro cya 2: Uburyo bwo kwishyuza no gukemura ibyo abakiriya binubira

Article 20: Obligation to inform Customers on interruption of water supply

Article 21: Establishment of rationing program for water supply

Article 22: Tampering with water service connections

Article 23: Reporting of water supply interruption

Article 24: Monitoring of compliance with rationing program

Article 25: Unjustified disconnections of services

CHAPTER III: INSTALLATION OF WATER METERS AND BILLING

Section one: Installation and replacement of Water Meters

Article 26: Installation of water meters

Article 27: Replacement of water meters

Section 2: Billing system and complaint handling

Article 20: Obligation d'informer les clients de l'interruption de l'approvisionnement en eau

Article 21: Mise en place d'un programme de rationnement pour l'approvisionnement en eau

Article 22: Tripoter aux raccordements au service d'eau

Article 23: Signaler l'interruption d'approvisionnement en eau

Article 24: Suivi de la conformité au programme de rationnement

Article 25 : Déconnexions injustifiées des services

CHAPITRE III: INSTALLATION DES COMPTEURS D'EAU ET FACTURATION

Section première: Installation et remplacement des compteurs d'eau

Article 26: Installation de compteurs d'eau

Article 27: Remplacement des compteurs d'eau

Section 2: Système de facturation et de traitement des plaintes

<u>Ingingo ya 28</u> : Kwandika imibare iri muri mubazi	<u>Article 28</u> : Meter Readings	<u>Article 28</u> : Relevé des compteurs
<u>Ingingo ya 29</u> : Gutanga inyemezamwenda	<u>Article 29</u> : Billing	<u>Article 29</u> : Facturation
<u>Ingingo ya 30</u> : Kwishyura inyemezamwenda	<u>Article 30</u> : Payment of the Bill	<u>Article 30</u> : Paiement de la facture
<u>Ingingo ya 31</u> : Kuvanwa ku muyoboro kubera kutishyura	<u>Article 31</u> : Disconnection for non payment	<u>Article 31</u> : Déconnexion pour non-paiement
<u>Ingingo ya 32</u> : Gusubizwa ku muyoboro	<u>Article 32</u> : Reconnection	<u>Article 32</u> : Reconnexion
<u>Ingingo ya 33</u> : Kumenya uko konti yishyurirwaho amazi ihagaze	<u>Article 33</u> : Account statement	<u>Article 33</u> : Relevé de compte
<u>Ingingo ya 34</u> : Gutanga fagitire nyuma y’uko umukiriya yimutse	<u>Article 34</u> : Billing after customer’s relocation	<u>Article 34</u> : Facturation après le déménagement du client
<u>Ingingo ya 35</u> : Gukemura ibyoabakiriya binubira	<u>Article 35</u> : Complaints handling	<u>Article 35</u> : Traitement des plaintes
<u>Ingingo ya 36</u> : Ahantu hakirirwa ibibazo by’abakiriya	<u>Article 36</u> : Customer service centre	<u>Article 36</u> : Centre de service à la clientèle
<u>Ingingo ya 37</u> : Igitabo cyandikwamo ibibazo by’abakiriya	<u>Article 37</u> : Registry of complaints	<u>Article 37</u> : Registre des plaintes
<u>Ingingo ya 38</u> : Kujuririra ikirego cyatanzwe	<u>Article 38</u> : Appeal over a complaint	<u>Article 38</u> : Recours suite à une plainte
<u>Ingingo ya 39</u> : Gahunda yo gukemura ibibazo	<u>Article 39</u> : Appointment schedule	<u>Article 39</u> : Calendrier des rendez-vous

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE
ITANGWA RY'IMPUSHYA N'IBISABWA**

Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'impushya n'ibisabwa

Ingingo ya 40: Ibyiciro by'impushya

Ingingo ya 41: Uruhushya rwo gutanga serivisi z'amazi kuri bese

Ingingo ya 42: Uruhushya rwo gucunga imiyoboro yo gukwirakwiza amazi

Ingingo ya 43: Uruhushya rwo gutanga amazi aranguzwa

Ingingo ya 44: Ibisabwa bya tekini kuri buri cyiciro cy'uruhushya

Icyiciro cya 2: Ibiyanye n'imitangire y'impushya

Ingingo ya 45: Gusaba uruhushya

Ingingo ya 46: Ibyangombwa rusange bikenerwa mu gusaba uruhushya

Ingingo ya 47: Gutanga no gusuzuma dosiye isaba uruhushya

Ingingo ya 48: Uburyo bukurikizwa mu gusaba uruhushya

Ingingo ya 49: Iyandikwa ry'ubusabe

**CHAPTER IV: LICENSING REGIME AND
LICENSE REQUIREMENTS**

Section One: License types and requirements

Article 40: Types of licenses

Article 41: License for Water utility services

Article 42: Water supply infrastructure management license

Article 43: Bulk water supply license

Article 44: Technical requirements for each type of license

Section 2: Licensing Regime

Article 45: License Application

Article 46: General conditions for license application

Article 47: License application submission and review

Article 48: License application procedures

Article 49: Application Record

**CHAPITRE IV: REGIME DE LICENCE ET
CONDITIONS D'OCTROI DE LICENCE**

Section première: Types de licences et conditions

Article 40: Types de licences

Article 41: Licence pour les services publique d'eau

Article 42: Licence de gestion des infrastructures d'approvisionnement en eau

Article 43: Licence de fourniture d'eau en gros

Article 44: Conditions techniques pour chaque type de licence

Section 2 : Régime d'octroi des licences

Article 45: Demande de licence

Article 46: Conditions générales de la demande de licence

Article 47: Présentation et examen de la demande de Licence

Article 48: Procédures de demande de licence

Article 49: Dossier de demande

<u>Ingingo ya 50:</u> Igitabo cyandikwamo impushya	<u>Article 50:</u> Licenses Register	<u>Article 50:</u> Registre des Licences
<u>Ingingo ya 51:</u> Icyemezo cya nyuma cy'Urwego Ngenzuramikorere	<u>Article 51:</u> Final Decision of the Regulatory Authority	<u>Article 51:</u> Décision finale de l'Autorité de Régulation
<u>Ingingo ya 52:</u> Ibigenderwaho mu gutanga impushya	<u>Article 52:</u> Criteria for license issuance	<u>Article 52:</u> Critères d'octroi des licences
<u>Ingingo ya 53:</u> Impamvu zo kwanga ubusabe bw'uruhushya	<u>Article 53:</u> Reasons for rejection of License Application	<u>Article 53:</u> Causes de rejet de la Demande de Licence
<u>Ingingo ya 54:</u> Kongera igihe Uruhushya rumara	<u>Article 54:</u> License Renewal	<u>Article 54:</u> Renouvellement de la Licence
<u>Ingingo ya 55:</u> Guhererekanya uruhushya	<u>Article 55:</u> License transfer	<u>Article 55:</u> Transfert de licence
<u>Ingingo ya 56:</u> Uburyo bukurikizwa mu guhererekanya uruhushya	<u>Article 56:</u> Procedures for license transfer	<u>Article 56:</u> Procédures de transfert de licence
<u>Ingingo ya 57:</u> Guhindura uruhushya	<u>Article 57:</u> License Modification	<u>Article 57:</u> Modification de la licence
<u>Ingingo ya 58:</u> Guhagarika uruhushya	<u>Article 58:</u> Suspension of licence	<u>Article 58:</u> Suspension de la licence
<u>Ingingo ya 59:</u> Kwambura uruhushya	<u>Article 59:</u> Revocation of Licence	<u>Article 59:</u> Révocation de la licence
<u>Ingingo ya 60:</u> Ubujurire ku bibazo byerekeye uruhushya	<u>Article 60:</u> Appeal on license matters	<u>Article 60:</u> Recours en matière de licence
<u>Ingingo ya 61:</u> Igihe impushya zimara	<u>Article 61:</u> Validity of the licenses	<u>Article 61:</u> Validité des licences
<u>Ingingo ya 62:</u> Amafaranga atangwa ku ruhushya	<u>Article 62:</u> License fees	<u>Article 62:</u> Frais de licence
<u>Icyiciro cya 3:</u> Uburenganzira n'inshingano by'abahawe impushya	<u>Section 3:</u> Rights and obligations of the licensees	<u>Section 3:</u> Droits et obligations des titulaires des licences

Ingingo ya 63: Uburenganzira bw'Uwahawe uruhushya

Ingingo ya 64: Inshingano z'uwahawe uruhushya

UMUTWE WA VI: GUKURIKIRANA IMITANGIRE YA SERIVISI ZO GUKWIRAKWIZA AMAZI

Icyiciro cya mbere: Gukurikirana

Ingingo ya 65: Igenzura n'isuzuma ry'imikorere

Ingingo ya 66: Gukurikirana impushya zatanzwe

Icyiciro cya 2: Ishyirwa mu bikorwa

Ingingo ya 67: Kubahiriza amategeko n'amabwiriza

Ingingo ya 68: Ingamba zo kubahiriza ibikubiye mu ruhushya

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 69 : Ingingo y'inzibacyuho

Ingingo ya 70 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo ya 71: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 63: Rights of licensee

Article 64: Obligations of the licensee

CHAPTER VI: MONITORING OF WATER SUPPLY SERVICE PROVISION

Section one: Monitoring

Article 65: Auditing and inspections

Article 66: License monitoring

Section 2: Enforcement

Article 67: Compliance with laws and regulations

Article 68: Enforcement Action

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 69 : Transitional provision

Article 70 : Repealing provision

Article 71: Commencement

Article 63: Droits du titulaire de licence

Article 64: Obligations du titulaire de licence

CHAPITRE VI: SUIVI DE PRESTATION DE SERVICE D'APPROVISIONNEMENT EN EAU

Section première: Suivi

Article 65: Audit et inspections

Article 66: Suivi des licences octroyés

Section 2: Exécution

Article 67: Conformité aux lois et règlements

Article 68: Mesures d'exécution

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 69 : Disposition transitoire

Article 70 : Disposition abrogatoire

Article 71 : Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 YO KUWA 23/09/2015
AGENGA SERIVISI Z'IKWIRAKWIZWA
RY'AMAZI MU RWANDA**

Inama Ngenzuramikorere y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego zimwe z'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°62/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza umutungo w'amazi ;

Ishingiye ku Itegeko n°05/2015 ryo kuwa 30/03/2015 rigena imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyi ;

Ishingiye ku Itegeko n°22/2012 ryo kuwa 15/06/2012 Itegeko rigena itangazwa, imenyekanisha n'ikurikizwa by'inyandiko za Leta;

Ishingiye ku Itegeko n° 09/2013 ryo kuwa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'Inzego zimwe z'Imirimo ifitiye Igihugu Akamaro(RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byarwo;

Ishingiye ku myanzuro yafatiwe mu nama nyunguranabitekerezo yateranye mu 2015 yahuje RURA n'abafatanyabikorwa batandukanye mu bijyanye n'ikwirakwizwa ry'amazi ;

**REGULATION N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 OF 23 /09/2015 GOVERNING
WATER SUPPLY SERVICES IN RWANDA**

The Regulatory Board of Rwanda Utilities Regulatory Authority;

Pursuant to Organic Law n°62/2008 of 10/09/2008 regulating the use, conservation, protection and management of water resources;

Pursuant to Law n°05/2015 of 30/03/2015 governing the organization of pension schemes;

Pursuant to Law n°22/2012 of 15/06/2012 determining the publication, notification and commencement of official acts;

Pursuant to Law n°09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organization and functioning;

Based on the recommendations made during the consultative meetings held in 2015 between RURA and different stakeholders in Water supply sector;

**REGLEMENT N°002/RB/WAT-
EWS/RURA/015 DU 23/09/2015
REGISSANT LES SERVICES
D'APPROVISIONNEMENT EN EAU AU
RWANDA**

Le Conseil de Régulation de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'Utilité Publique ;

Vu la Loi n°62/2008 du 10/09/2008 fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection et de gestion des ressources en eau ;

Vu la Loi n°05/2015 de la 30/03/2015 régissant l'organisation des régimes de pension ;

Vu la Loi n°22/2012 du 15/06/2012 déterminant la publication, la notification et l'entrée en vigueur des actes officiels;

Vu la Loi n°09/2013 de la 01/03/2013 portant création de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'Utilité Publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation, et son fonctionnement;

Sur base des recommandations formulées lors des réunions consultatives tenues en 2015 entre RURA et les différents partenaires dans le secteur d'approvisionnement en Eau ;

Yiyemeje kugira gahunda yo kugenzura imikorere mu ikwirakwizwa ry'amazi ;

Nyuma y'imyanzuro yafatiwe mu manama yayo ;

ISHYIZEHO amabwiriza akurikira agenga serivisi zo gukwirakwiza amazi:

UMUTWE WA MBERE:
INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo kugenzura uko serivisi zo gukwirakwiza amazi zitangwa neza ku buryo bunoze kandi agashyiraho uburyo bweruye, bwo gukorera mu mucyo no kutavangura mu rwego rwo gusuzuma no gufata umwanzuro ku itangwa ry'impushya zo gutanga serivisi zo gukwirakwiza amazi mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° Amazi aranguzwa : amazi atunganyijwe kugira ngo agemurirwe uyacuruza cyangwa undi muntu uyatanga akoresheje kuyatwara, umwikorezi hamwe n'ibikorwaremezo bijyana na byo birimo inganda zo gukurura no gusunika amazi, ibigega byo kuyabika, amatiyo no kuyakwirakwiza mu bakiriya ;

Committed to have a regulatory framework for water service provision;

And after its deliberations in its meetings;

HEREBY issues the following Regulation governing Water supply services:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this regulation

The purpose of this Regulation is to establish a legal framework to ensure effective and efficient water supply services and provide an open, transparent and non-discriminatory process for the review and decision-making on modalities of licensing of Water Services in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

In this Regulation, the following terms shall be defined as follows:

1° Bulk water: water produced to be supplied for retail to another water utility or operator through the water carrier, hauler and associated infrastructures including pumping stations, reservoirs and pipelines and distribution;

Soucieux de disposer d'un cadre juridique pour la prestation des services d'eau ;

Et après ses délibérations dans ses réunions ;

EDICTE le Règlement suivant régissant services d'approvisionnement en Eau :

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet du présent règlement

Le présent Règlement a pour objet d'établir un cadre juridique pour assurer des services effectifs et efficaces d'approvisionnement en eau et de fournir un processus ouvert, transparent et non discriminatoire pour l'examen et la prise de décision sur les modalités d'octroi des licences des services d'eau au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Dans le présent Règlement, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° Eau vendue en gros: eau produite pour être livrée à un autre fournisseur ou exploitant d'eau par le transporteur d'eau, le transporteur et les infrastructures connexes, y compris les stations de pompage, les réservoirs, les tuyaux et la distribution;

2° Uburyo bukomatanyije bwo gukwirakwiza amazi: umuyoboro wo gutunganya no gusaranganya amazi hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho mu byerekeye uburyo bwimbitse bwo gushyiraho, gucuruza no gucunga ibikorwaremezo by'amazi umubare munini w'abakiriya bo mu gace amazi atangwamo; muri iki cyiciro harimo uburyo bwo gutunganya amazi y'imusozi (isoko, umugezi, ikiyaga, n'ibindi) cyangwa amazi y'ikuzimu akenshi aba ari ku ntera ndende (irengeje ibirometero 20) kugira ngo abashe gushyikirizwa abantu benshi no gushyira mu bikorwa uburyo bwo gutunganya amazi (bwaba mu buryo ubusanzwe cyangwa ubudasanzwe) ku buryo nibura gutunganya amazi bikorwa avanwamo umwanda;

3° Abakiriya: umuntu uwo ariwe wese cyangwa ikigo gifitanye amasezerano n'ukora umurimo wo gukwirakwiza amazi;

4° Amazi anyobwa: amazi asukuye bihagije ku buryo ashobora kunyobwa n'abantu cyangwa gukoreshwa afite ingaruka nke mu kwangiza umuntu ako kanya cyangwa mu gihe kirekire;

5° Usaba uruhushya: umuntu wese utanga dosiye isaba guhabwa uruhushya hakurikijwe aya mabwiriza;

6° Amafaranga atangwa ku ruhushya: umubare w'amafaranga wagenwe usaba uruhushya yishyura Urwego Ngenzuramikorere

2° Complex water supply systems: water treatment and distribution network with more advanced technology in terms of complexity in set up, operation and management of water infrastructures; coverage area, considerable number of customers. Such category comprises of water systems treating surface (spring, river, lake, etc) or groundwater generally long (more than 20 Kilometers) to be able to serve many people and perform water treatment processes (conventional or not) where the minimum treatment consists of disinfection;

3° Customers: any person or institution having contract with water service provider for water supply service provision;

4° Drinking water: water safe enough to be consumed by humans or used with low risk of immediate or long term harm;

5° License applicant: any operator who files an application for issuance of a license in accordance with this regulation;

6° License Fee: specified amount of money paid by the License applicant to the Regulatory Authority upon the issuance of the license under this regulation;

2° Systèmes complexes d'approvisionnement en eau : réseau de traitement et de distribution d'eau au moyen d'une technologie plus avancée en termes de complexité dans la mise en place, exploitation et gestion des infrastructures hydrauliques ; le nombre considérable de clients, de la zone servie. Cette catégorie comprend les systèmes de traitement de l'eau de surface (source, rivière, lac, etc.) ou les eaux souterraines généralement longues (plus de 20 kilomètres) pour pouvoir servir de nombreuses personnes et réaliser des procédés (conventionnels ou non) dont le traitement des eaux consiste à la désinfection;

3° Clients: toute personne ou institution ayant un contrat avec un prestataire de services d'eau pour l'approvisionnement en eau;

4° Eau à boire : eau suffisamment sûre pour être consommée par l'homme ou utilisée avec un faible risque de dommages immédiats ou à long terme ;

5° Demandeur de licence: tout exploitant qui remplit un formulaire de demande d'une licence conformément au présent règlement;

6° Frais de licence: montant spécifique payé par le demandeur de Licence à l'Autorité de Régulation

nyuma yo guhabwa uruhushya hakurikijwe aya mabwiriza;

7° Uruhushya : Inyandiko yemewe n'amategeko itangwa n'Urwego Ngenzuramikorere iha uburenganzira uyifite bwo gukora imirimo mu buryo buteganijwe n'iyi nyandiko.

8° Uwahawe uruhushya: umuntu wese ufite rumwe mu mpushya zatanze n'Urwego Ngenzuramikorere hakurikijwe aya mabwiriza;

9°Umucuruzi: Umuntu ku giti cye, koperative, isosiyete, cyangwa ikigo cy'ubucuruzi batanga cyangwa bifuzwa gutanga serivisi zo gukwirakwiza amazi;

10° Urwego Ngenzuramikorere: Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura Imikorere y'Inzego Zimwe z'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA);

11° Uburyo cyangwa gahunda yoroheje yo gukwirakwiza amazi: uburyo bwo gutanga amazi bwifashisha umuyoboro woroheje (akenshi ku ntera ngufi ibazwe mu birometero) bwifashisha ikoranabuhanga ridahenze mu byerekeye gutunganya amazi, nk'amasoko, amariba magufi yacukujwe amaboko kandi bwifashisha ipombo ikoreshwa amaboko mu gukurura no gusunika amazi;

7° License: any legal document issued by the Regulatory Authority which authorizes the licensee to carry out the activity specified under terms and conditions prescribed in that document;

8°Licensee: any operator who holds one of the licenses issued by the Regulatory Authority under this regulation;

9°Operator: any individual person, cooperative, company, firm or utility providing or seeking to provide water supply services;

10° Regulatory Authority: Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA);

11° Simple water supply system or scheme: water system with a simple distribution network (generally short in terms of km) with low cost technology in terms of water treatment such as springs, Hand Dug and Shallow Wells with Hand Pump;

après l'octroi de la licence en vertu du présent règlement;

7° Licence: tout document légal délivré par l'Autorité de Régulation qui autorise son titulaire à exercer l'activité spécifiée dans les dispositions et conditions prescrits dans ce document;

8° Titulaire de la licence: tout exploitant qui détient une des licences délivrées par l'Autorité de Régulation en vertu du présent règlement;

9°Exploitant: toute personne physique, coopérative, société ou entreprise publique fournissant ou cherchant à fournir des services d'approvisionnement en eau;

10° Autorité de Régulation : Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'Utilité Publique (RURA) ;

11° Système ou plan simple d'approvisionnement en eau: système d'eau doté d'un réseau de distribution simple (généralement court en km) utilisant une technologie à faible coût en termes de traitement de l'eau, tels que les sources, les Puits peu Profonds Creusés à la Main et équipés d'une pompe à main;

12° Akazu k'amazi: ahantu abatanga serivisi z'amazi zisanzwe batangira amazi asukuye kandi yizewe ku biciro byo hasi ku baturiyeye uduce dutuwemo n'abantu bafite amikoro make;

13° Abatanga serivisi z'amazi: uwahawe uruhushya wese rwo gukora imirimo yo gukurura amazi aturuka mu isoko, uyatwara, uyatunganya, uyabika kandi uyasaranganya ari meza cyangwa agenewe guhindurwamo amazi meza agenewe gukoreshwa n'abantu.

Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba umucuruzi wese utanga cyangwa wifuza gutanga serivisi zo gutunganya, gutwara, gukwirakwiza no kugurisha amazi agenewe gukoreshwa n'abantu.

Ingingo ya 4: Intego y'aya mabwiriza

Aya mabwiriza agamije ibi bikurikira:

- 1) Kugenzura ko amazi atangwa buri gihe aba afite ubuziranenge kandi ko ashobora kunyobwa n'abantu ;
- 2) Kugenzura ko abakiriya bagezwaho amazi ahagije kandi afite umuvuduko uhagije ;
- 3) Gushyiraho uburyo bubereye ishoramari mu gukwirakwiza amazi ;
- 4) Guha abakiriya fagitire nyazo kandi ku gihe ;

12° Water kiosk: an outlet through which formal water service providers deliver safe and reliable water at affordable prices to residents of low-income areas;

13° Water service providers: any licensed operator who carries out activities of abstraction of water from a water source, conveyance, treatment, storage and distribution of potable water or water intended to be converted to potable water for consumption.

Article 3: Scope of application

This regulation shall apply to any operator providing or willing to provide services of production, transportation, distribution and sale of water for the purpose of human consumption.

Article 4: Objectives of this regulation

This regulation shall have the following objectives:

- 1) To ensure that water supplied is always of good quality and fits human consumption;
- 2) To ensure that adequate supply with enough pressure is received by customers;
- 3) To set up conditions enabling water supply investment;
- 4) To ensure proper and timely customer billing;

12° Kiosque d'eau: un débouché par lequel les prestataires de services formels d'eau fournissent de l'eau potable et fiable aux prix abordables aux résidents des zones à faible revenu;

13° Prestataires de services d'eau : tout exploitant agréé qui effectue des activités d'extraction d'eau provenant d'une source d'eau, de transport, de traitement, de stockage et de distribution d'eau potable ou d'eau destinée à être convertie en eau potable pour la consommation.

Article 3 : Champ d'application

Le présent règlement s'applique à tout exploitant qui fournit ou désire fournir les services de production, de transport, de distribution et de vente d'eau aux fins de consommation par l'homme.

Article 4: Objectifs du présent règlement

Le présent règlement a les objectifs suivants :

- 1) Veiller à ce que l'eau fournie soit toujours de bonne qualité et s'adapte à la consommation par l'être humain ;
- 2) Veiller à ce que les clients reçoivent un approvisionnement adéquat avec une pression suffisante ;
- 3) Mettre en place des conditions favorables à l'investissement dans l'approvisionnement en eau ;
- 4) Assurer la facturation appropriée et régulière pour les clients ;

- 5) Kurinda abakiriya imyitwarire mibi y'abahawe impushya no guhora bateza imbere inyungu zabo ;
- 6) Kugenzura ko iby'ibanze abantu bakenera ku bijyanye n'amazi byubahirizwa ;
- 7) Guteza imbere imikoreshereze y'amazi ku buryo burambye, bukora neza kandi bufitiye inyungu abakiriya ;
- 8) Guteza imbere ihiganwa ritabera kandi rikurikije amategeko;
- 9) Guteza imbere uburyo bwo kubona serivisi z'amazi ku buryo bungana

UMUTWE WA II: GUTUNGANYA AMAZI NO KUGENZURA IMITUNGABYIRIZE

Icyiciro cya mbere : Gutunganya amazi n'ubuziranenge bwa serivisi z'amazi atangwa

Ingingo ya 5: Ibipimo by'amazi agenewe gukoresha

Utanga serivisi z'amazi ntagomba gutanga amazi aturutse mu isoko iyo ariyo yose igizwe cyangwa irimo amazi adatanganyijwe keretse iyo ayo mazi yamaze gutunganywa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho byemewe mu gihugu bigenga amazi akoreshwa n'abantu.

Utanga serivisi zo gukwirakwiza amazi agomba, hashingiwe ku bivugwa mu gika cya mbere, gutunganya amazi ku buryo akurikije uko abibona ndetse n'ikoranabuhanga

- 5) To protect customers against any misconduct from licensees and continually promote their interests;
- 6) To ensure that basic human needs for water supply are met;
- 7) To promote sustainable, efficient and beneficial use of water;
- 8) To promote fair and loyal competition;
- 9) To promote equitable access to water services.

CHAP II: WATER TREATMENT AND MONITORING

Section One: Water treatment and quality of service for water supplied

Article 5: Standards of water for consumption

The water service provider shall not supply water from any source which consists of or includes raw water unless that water has been treated up to national standards for human consumption.

The water service provider shall, subject to paragraph one treat water in such a way as will, in its opinion and technology, eliminate contaminants and reduce the risk of contamination.

- 5) Protéger les clients contre toute inconduite de la part des titulaires des licences et promouvoir constamment leurs intérêts ;
- 6) Veiller à ce que les besoins humains fondamentaux en eau soient satisfaits ;
- 7) Promouvoir une utilisation durable, efficace et bénéfique d'eau ;
- 8) Promouvoir une concurrence juste et loyale ;
- 9) Promouvoir un accès équitable aux services d'eau.

CHAP II : TRAITEMENT D'EAU ET CONTROLE

Section première: Traitement d'eau et qualité du service d'eau fournie

Article 5: Normes de qualité d'eau de consommation

Le prestataire de services d'eau ne doit pas fournir l'eau provenant de toute source qui comprend ou inclut de l'eau brute, à moins que cette eau n'ait été traitée conformément aux normes nationales de qualité pour la consommation par être humain.

Le prestataire de services d'approvisionnement en eau, doit, conformément à l'alinéa premier traiter l'eau d'une manière qui, de son choix et selon la

yifashisha, avanwamo ibiyahumanya kandi akagabanywamo ibyago byo kuba yahumanya. Utanga serivisi z'amazi agomba kugenzura ko amazi agenewe gukoreshwa n'abantu yubahirije ibipimo by'ubuziranenge ku bijyanye n'ubutabire, ibinyabuzima bito cyane cyangwa imyirasire bigenwa n'Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge cyangwa Umuryango Mpuzamahanga wita ku Buzima.

Ingingo ya 6: Kubungabunga amazi yatunganyijwe

Utanga serivisi z'amazi agomba kugenzura ko amazi yatunganyijwe abungwabungwa neza kugira ngo arindwe ibyayanduza mu gihe cyo kuyabika, kuyatwara no kuyakwirakwiza.

Icyiciro cya 2: Kugenzura ireme rya serivisi zo gukwirakwiza amazi

Ingingo ya 7: Gusuzuma ireme ry'itangwa rya serivisi z'amazi

Ireme rya serivisi zo gutanga serivise z'amazi risuzumwa hakurikijwe ibisabwa bikurikira :

- a) Gukwira mu gice serivisi itangirwamo ;
- b) Kuba serivisi ikomeza gutangwa;
- c) Ubwiza bw'amazi, umuvuduko n'amasaha amazi abonekera;
- d) Igipimo cya mubazi y'amazi n'uburyo bwo kwishyuza;
- e) Uburyo abatanga serivisi bihutira gukemura ibibazo by'abakiriya;
- f) Ingano y'amazi atangwa.

The water service provider must ensure that water to be supplied for human consumption comply with physico-chemical, microbiological and radioactivity standards stipulated by Rwanda Standards Board and/or World Health Organization.

Article 6: Protection of treated water

The water service provider must ensure that treated water is well protected from contamination during storage, transportation and distribution.

Section 2: Quality of service for water supply and monitoring

Article 7: Assessment of quality of water service provision

The quality of service for water service provision is assessed based on the following criteria:

- a) Coverage of the service area;
- b) Continuity of service;
- c) Water quality, pressure and service hours;
- d) Metering and billing level;
- e) The degree of responsiveness of service providers to customer's complaints;
- f) Quantity of water supplied.

technologie utilisée, élimine les contaminants et réduit le risque de contamination.

Le prestataire de services d'eau doit veiller à ce que l'eau destinée à la consommation par l'homme soit conforme aux normes physico-chimiques, microbiologiques et de radioactivité stipulées par l'Office Rwandais de Normalisation et / ou l'Organisation Mondiale de la Santé.

Article 6 : Protection de l'eau traitée

Le prestataire de services d'eau doit s'assurer que l'eau traitée est bien protégée contre la contamination pendant le stockage, le transport et la distribution.

Section 2: Contrôle de la qualité du service d'approvisionnement en eau

Article 7: Evaluation de la qualité de la prestation des services d'eau

La qualité de la prestation de service d'eau est évaluée en fonction des critères suivants:

- a) Couverture de la zone de service ;
- b) Continuité de service ;
- c) Qualité d'eau, pression et les heures de service ;
- d) Niveau de comptage et de facturation ;
- e) Le degré de réaction par les prestataires de services face aux plaintes des clients ;
- f) Quantité d'eau fournie.

Ingingo ya 8: Ubwiza bw'amazi anyobwa

Uwahawe uruhushya agomba kugenzura ko amazi aha abakiriya ari meza buri gihe kandi ko yujuje ibisabwa kugira ngo anyobwe haba ku isura yayo, ubutabire ndetse no kutarangwamo mikorobe.

Kugira ngo uwahawe uruhushya yizere ubwiza bw'amazi anyobwa aha abakiriya, uwahawe uruhushya agomba :

- i. Gukora igenzura rihoraho ry'ubwiza bw'amazi ayafataho ibipimo haba mu ruganda atunganyirizwamo no mu miyoboro anyuzwamo akwirakwizwa kugira ngo arebe ko ayo mazi yujuje ibipimo ngenderwaho byo ku rwego rw'Igihugu ;
- ii. Kugenzura ko ibipimo by'amazi byafashwe byubahirije amabwiriza ku bijyanye no kutarangwamo mikorobi kandi ko nibura 95% byujuje ibindi bipimo ngenderwaho ;
- iii. Gushyiraho gahunda iboneye yo gufata ibipimo by'amazi kandi yubahirije ibikurikizwa mu ifatwa ry'ibipimo byashyizweho n'Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge ;
- iv. Kumenya ibyo agomba kugenzura hakurikijwe ibipimo ngenderwaho ku rwego rw'Igihugu no kureba ko hakusanyijwe ibipimo bihagije kandi byabitswe neza ;

Article 8: Drinking water quality

The licensee shall ensure that water supplied to customers is always of good quality and fits human consumption requirements aesthetically, chemically and bacteriologically.

In determining the quality of drinking water supplied to customers, the licensee shall:

- i. Perform permanent monitoring of water quality by collecting samples at both the treatment plant and within the distribution network to ensure that water meets national standards;
- ii. Ensure that all samples collected meet bacteriological standards and at least 95% meet other standards;
- iii. Set an appropriate sampling program that complies with the sampling regime set by National Standards Board;
- iv. Determine parameters to be monitored based on national standards and ensure adequacy of sample collection and preservation;

Article 8: Qualité d'eau potable

Le titulaire de licence doit veiller à ce que l'eau fournie aux clients soit toujours de bonne qualité et qu'elle réponde aux exigences de la consommation à la fois esthétique, chimique et bactériologique.

Pour déterminer la qualité d'eau potable fournie aux clients, le titulaire de licence doit:

- i. Effectuer un contrôle permanent de la qualité d'eau en recueillant des échantillons à la fois dans l'usine de traitement et dans le réseau de distribution pour s'assurer que l'eau satisfait aux normes nationales ;
- ii. S'assurer que tous les échantillons recueillis répondent aux normes bactériologiques et que 95% au moins respectent les autres normes ;
- iii. Etablir un programme d'échantillonnage approprié qui est conforme au régime d'échantillonnage établi par l'Office Rwandais de Normalisation ;
- iv. Déterminer les paramètres à contrôler en fonction des normes nationales et veiller à ce que la collecte et la préservation des échantillons soient adéquates ;

- v. Kubika neza amadosiye n'igitabo yandikamo ibyavuye mu ipimwa ry'ubwiza bw'amazi mu rwego rwo koroshya igenzura ;
- vi. Gushyiraho uburyo buboneye bwo gutanga raporo ku byavuye mu ipimwa ry'ubwiza bw'amazi.

Ingingo ya 9: Inshuro zo gufata ibipimo

Uwahawe uruhushya agena inshuro zo gufata ibipimo ashingiye ku isoko y'amazi n'igisubizo ahawe n'amazi adatanganyijwe, ingano y'amazi abonetse ndetse n'abaturage bagezwaho amazi hakurikijwe ibipimo ngenderwaho bikurikizwa.

Ingingo ya 10: Gushyiraho ahafatirwa ibipimo by'amazi

Uwahawe uruhushya agomba kugaragaza no gushyira ibimenyetso ahafatirwa ibipimo ku ruganda no ku miyoboro yo gukwirakwiza amazi aho ibipimo by'amazi afashe bizagenderwaho mu kwerekana uko ahandi byifashe.

Ibipimo bigomba gufatwa n'umuntu ubifitiye ubushobozi kugira ngo ubwo buryo bukorwe neza kandi bigabanye ukwibeshya kwavuka mu bipimo byafashwe.

Ingingo ya 11: Gusuzuma ubwiza bw'amazi anyobwa

Uwahawe uruhushya ashiraho uburyo buhamye bwo gusuzuma ubwiza bw'amazi anyobwa kandi akibanda ku kureba no

- v. Ensure effective record keeping and log book for water quality results to facilitate inspection;
- vi. Set up a sound reporting system of the water quality results.

Article 9: Frequency of Sampling

The Licensee shall establish a frequency of sampling based on the source and the response of raw water, the quantity of water produced and population served as according to applicable standards.

Article 10 : Installation of sampling points

The Licensee shall identify and label strategic sampling points at the plant and within the distribution network where data obtained must be representative.

Samples must be collected by a qualified person to ensure the accuracy of the process and minimize sampling errors.

Article 11: Monitoring of drinking water quality

The Licensee shall establish a strong system to monitor the quality of drinking water and the main focus shall be on bacteriological and physico-

- v. Veiller à la tenue efficace des dossiers et au carnet de bord des résultats de la qualité de l'eau pour faciliter l'inspection ;
- vi. Mettre en place un système de rapport fiable des résultats de la qualité d'eau.

Article 9: Fréquence d'échantillonnage

Le titulaire de licence doit établir une fréquence d'échantillonnage sur base de la source et le résultat de l'eau brute, de la quantité d'eau produite et de la population desservie conformément aux normes applicables.

Article 10 : Installation des points d'échantillonnage

Le titulaire de licence doit identifier et étiqueter les points d'échantillonnage stratégiques à l'usine et au sein du réseau de distribution où les données obtenues doivent être représentatives.

Les échantillons doivent être recueillis par une personne qualifiée pour assurer l'exactitude du procédé et minimiser les erreurs d'échantillonnage.

Article 11 : Contrôle de la qualité de l'eau potable

Le titulaire de licence met en place un système solide pour contrôler la qualité d'eau potable et l'accent doit être mis sur les paramètres

kuvanamo mikorobi hamwe n'ibipimo by'ubutabire harimo na kolorine (chlorine) yasigaye mu mazi ndetse n'ibigize ubutabire biremereye (heavy metals).

Umubare w'ibipimo bigomba gufatwa no gusuzumwa ugenwa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho ku rwego rw'Igihugu cyangwa amabwiriza atangwa n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Buzima mu gihe nta mabwiriza yateganyijwe n'Urwego rw'Igihugu rushyirwaho n'itegeko.

chemical parameters including residual chlorine as well as heavy metals.

The number of samples to be collected and analyzed shall be determined based on national standards or World Health Organization guidelines if not provided for by National Statutory Body.

bactériologiques et physico-chimiques, y compris le chlore résiduel ainsi que les métaux lourds.

Le nombre d'échantillons à recueillir et à analyser est déterminé en fonction des normes nationales ou des directives de l'Organisation Mondiale de la Santé si elles ne sont pas prévues par l'Organe National Statutaire.

Ingingo ya 12 : Umuvuduko w'amazi

Uwahawe uruhushya agumishaho umuvuduko w'amazi mu matiyo utuma abakiriya bagerwaho n'amazi ahagije.

Umuvuduko w'amazi ahabwa abakiriya ugomba kuba uri hagati y'igipimo cy'umuvuduko cya 0.6 na 1.5 cyangwa hagati ya metero 6 na 15 w'ubwinshi bw'amazi uhoraho igihe cyose.

Igihe umuvuduko ugabanutse cyangwa amazi abuze, abakiriya bagomba kubimenyeshwa mu masaha makumyabiri n'ane (24) akurikira igabanuka ry'uwo muvuduko.

Ingingo ya 13: Ingano y'amazi atangwa

Uwahawe uruhushya agomba gukoresha uburyo bwose bushoboka kugira ngo haboneke amazi ahagije kandi urugero ntarengwa rwo hasi rw'amazi atangwa buri muni rugomba kuba rwujuje ibipimo ngenderwaho ku rwego rw'igihugu.

Ingingo ya 14: Agace kagerwamo na serivisi z'amazi

Uwahawe uruhushya atanga serivisi zo gukwirakwiza amazi mu gace kose amazi ageramo kandi akongera ijanisha ry'abantu bagerwaho n'amazi yo kunywa ahagije akoresheje imiyoboro ya buri muntu ifatiye ku muyoboro w'amazi, ku mavomo rusange cyangwa ku tuzu tw'amazi.

Article 12: Water Pressure

The Licensee shall maintain a pressure in the pipes that shall ensure that customers receive adequate water supply.

The pressure of water supplied to customers shall be in the range between 0.6 to 1.5 bars or from 6 to 15 m static head at all the times.

In case of circumstance affecting low pressure or no supply, customers must be informed in twenty-four hours (24) following such low pressure.

Article 13: Quantity of water supplied

The Licensee shall make all possible means to satisfy the demand of water and the minimum daily quantity of water to be supplied to a customer shall comply with national standards.

Article 14: Service coverage area

The Licensee shall provide water services in the whole service area and shall increase the percentage of population accessing adequate drinking water services through individual house connections to the water network as well as public stand posts or Kiosks.

Article 12 : Pression d'eau

Le titulaire de licence maintient une pression dans les tuyaux pour s'assurer que les clients reçoivent un approvisionnement suffisant en eau.

La pression d'eau fournie aux clients doit être comprise entre 0,6 et 1,5 bar ou entre 6 et 15 m de charge statique à tout moment.

En cas de présence d'une basse pression ou d'une absence d'approvisionnement, la clientèle doit en être informée dans les vingt-quatre (24) heures suivant cette baisse de pression.

Article 13: Quantité d'eau fournie

Le titulaire de licence doit déployer tous les moyens possibles pour satisfaire à la demande d'eau et la quantité minimale quotidienne d'eau à fournir doit être conforme aux normes de qualité nationales.

Article 14: Zone de couverture des services

Le titulaire de licence doit fournir des services d'approvisionnement en eau sur l'ensemble de la zone de service et doit augmenter le pourcentage d'accès aux services d'eau potable adéquats à la population, par l'intermédiaire de raccordements individuels au conduit d'eau ainsi qu'aux bornes publiques ou aux kiosques.

Intera yo kugera aho amazi ari igomba kuba ikurikije ibipimo ngenderwaho ku rwego rw'igihugu mu kwirakwizwa ry'amazi.

Ingingo ya 15: Serivisi zo gufatira ku muyoboro ukwirakwiza amazi

Uwahawe uruhushya agomba guha abakiriya bose basabye amazi afatiye ku muyoboro uyakwirakwiza kandi igihe ntarengwa cyo kuyahabwa ntikigomba kurenga iminsi itanu (5) y'akazi.

Uwahawe uruhushya ni we wishingira kugeza amazi ku bakiriya kandi nta mafaranga yakwa umukirirya ku matiyo cyangwa ibindi bikoresho byifashishijwe mu gihe cyo kumushyira ku muyoboro.

Utanga serivisi zo gukwirakwiza amazi niwe nyir' ibikorwaremezo byose bya serivisi zo kugeza amazi ku bakiriya no kubifata neza kugeza kuri mubazi y'amazi yaba iri ku mutungo wihariye w'umukirirya cyangwa mu gace ka rusange kandi agomba kugira uburenganzira bwo kugera kuri ibyo bikorwaremezo.

Ingingo ya 16: Amafaranga atangwa kuri serivisi zo guhabwa amazi

Abakiriya bose bagomba kwishyura amafaranga ajyanye n'igikorwa cyo guhabwa amazi, yemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere ku byerekeye gushyiraho no gushyirwa ku muyoboro w'ikwirakwizwa ry'amazi.

Uko kwemerwa kuba byabanje kwemezwa kandi hasuzumwe niba ugiye kuruhabwa mushya yujuje ibisabwa byose bijyanye no kuruhabwa. Kutubahiriza ibisabwa bituma hafatwa ibihano bireba urwo uruhushya biteganyijwe mu mugereka wa 3 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 56 : Uburyo bukurikizwa mu guhererekanya uruhushya

Uburyo bukurikizwa mu guhererekanya uruhushya butangizwa n'uwahawe uruhushya. Igihe cyose Urwego Ngenzuramikorere rutari rwemeza ihererekanya, nta wahawe uruhushya wemerewe kurwegurira undi muntu.

Uburyo bwose bukurikizwa mu ihererekanya ry'uruhushya bugomba gukorwa mu buryo bumwe n'ubwo isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya rikorwamo. Uweguriwe uruhushya afatwa nk'uwahawe uruhushya.

Igihe uruhushya rumara n'amabwiriza agenga uruhushya bikomeza kudahinduka, keretse iyo uweguriwe uruhushya asabye ko hagira ibihinduka mu ruhushya mu rwego rwo kubahiriza ibikurikizwa mu ihererekanywa ry'uruhushya.

Ingingo ya 57 : Guhindura uruhushya

Guhindura uruhushya bishobora gutangizwa n'Urwego Ngenzuramikorere cyangwa ku busabe bw'uwahawe urwo ruhushya.

Such approval shall be granted after consideration of the matter and if the proposed transfer meets all the conditions for granting the relevant license.

Failure to comply with such conditions shall lead to license sanctions provided for in the annex 3 of this regulation.

Article 56: Procedures for license transfer

A license transfer proceeding is initiated by the licensee. Until the Regulatory Authority has issued an approval of the transfer, no licensee may attempt to transfer its license to another person.

A license transfer proceeding shall be conducted in the same manner as review of a license application. The transferee shall be considered as the licensee.

The duration of the license and the license terms and conditions shall remain the same, unless the license transferee requests a license modification as part of the transfer proceedings.

Article 57: License Modification

A license modification may be initiated by the Regulatory Authority or by the request of the licensee.

Cette approbation est accordée après examen de l'affaire et si le cessionnaire proposé remplit toutes les conditions d'octroi de la licence concernée. Le non-respect de ces conditions entraîneront des sanctions de licence prévues à l'annexe 3 du présent règlement.

Article 56 : Procédures de transfert de licence

Une procédure de transfert de licence est engagée par son titulaire. Tant que l'Autorité de Régulation n'a pas approuvé le transfert, aucun titulaire ne peut tenter de la transférer à une autre personne.

Toute procédure de transfert de licence doit être effectuée de la même manière que l'examen d'une demande de licence. Le cessionnaire est considéré comme le titulaire de licence.

La durée de la licence et les termes et les conditions de la licence demeurent inchangés, sauf si le cessionnaire de la licence demande une modification de la licence dans le cadre de la procédure de transfert.

Article 57 : Modification de la licence

Une modification de la licence peut être engagée par l'Autorité de Régulation ou à la demande du titulaire de la licence.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura uruhushya mbere y'uko igihe rwari kuzamara kirangira iyo Urwego Ngenzuramikorere rubona ko guhindura urwo ruhushya ari ngombwa mu rwego rwo :

- a. Gukemura ikibazo cy'ubushobozi buke bw'uwahawe uruhushya mu kubahiriza amategeko n'amabwiriza bikurikizwa ;
- b. Kwigobotora ibibazo uwahawe uruhushya adafitiye ububasha bwo gukemura ;
- c. Kugira ibihindurwa mu mutungo cyangwa mu miterere y'inzego by'uwahawe uruhushya cyangwa imiterere y'abashoye imigabane mu bikorwa bye.

Ingingo ya 58: Guhagarika uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rutangiza uburyo bwo guhagarikisha uruhushya rwohereza integuza yanditse uwahawe uruhushya rumutegeka kugira icyo abikoraho cyangwa kubahiriza amategeko n'amabwiriza.

Iyo uwahawe uruhushya atemera ibikubiye mu birego aregwa kandi ntabashe kubyumvisha Urwego Ngenzuramikorere, Urwego Ngenzuramikorere rushyiraho umwanya wo kumutega amatwi.

Iyo, mu buryo bukurikizwa kugira ngo uruhushya ruhagarikwe, Urwego Ngenzuramikorere rutanyuzwe n'ibisobanuro ruhawe, rushobora guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya.

The Regulatory Authority may modify a license before the expiration of the license term when it determines that a modification of the license is needed in order to respond to:

- a. The inability of the licensee to comply with existing laws and regulations;
- b. To overcome events beyond licensee's control;
- c. Changes in the ownership or organizational structure of the licensee or shareholding.

Article 58: Suspension of licence

The Regulatory Authority shall commence a license suspension proceeding by sending written notice to the licensee requiring him to provide a response or to comply with laws and regulations.

If the licensee contests the content of the charges and fails to convince the Regulatory Authority the latter shall hold a hearing exercise on the charges.

If during the course of the suspension proceedings, the Regulatory Authority is not satisfied with the explanations, it can suspend or revoke the license.

L'Autorité de Régulation peut modifier une licence avant l'expiration de la période de licence lorsqu'elle trouve qu'une modification de la licence est nécessaire pour:

- a. Réagir à l'incapacité du titulaire de licence à se conformer aux lois et règlements en vigueur ;
- b. Surmonter les événements indépendants de la volonté du titulaire de licence ;
- c. Opérer des changements dans la propriété ou la structure organisationnelle du titulaire de licence ou de l'actionnariat.

Article 58: Suspension de la licence

L'Autorité de Régulation amorce la suspension de licence en procédant par l'envoi d'une mise en demeure écrite au titulaire lui exigeant de fournir une explication ou de se conformer aux lois et règlements.

Si le titulaire de la licence conteste le contenu des accusations et ne parvient pas à convaincre l'Autorité de Régulation, celle-ci doit tenir une audience sur les accusations.

Si, au cours de la procédure de suspension, l'Autorité de Régulation n'est pas satisfaite des explications, elle peut suspendre ou révoquer la licence.

Urwego Ngenzuramikorere rufata icyemezo cyo guhagarika icyiciro icyo aricyo cyose cy'uruhushya rwatanzwe iyo hagaragaye kimwe mu bikurikira :

1. Ubusabe bw'uruhushya cyangwa indi nyandiko iyo ariyo yose yashyikirijwe Urwego Ngenzuramikorere mu rwego rwo gusuzuma ubusabe bw'uruhushya yari irimo amakuru atari ay'ukuri ;
2. Uwahawe uruhushya yashyize amakuru atari ukuri mu nyandiko iyo ariyo yose igomba kubikwa hakurikijwe aya mabwiriza cyangwa ibikubiye mu yandi mabwiriza ;
3. Uwahawe uruhushya yasubiye gukora ikosa ryo kwica ya ingingo imwe iteganyijwe muri aya mabwiriza cyangwa mu ruhushya urwo arirwo rwose cyangwa amabwiriza yatanze hakurikijwe aya mabwiriza ;

Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya hakurikijwe ibiteganyijwe muri aya mabwiriza ku buryo bikurikira :
Igihe gito gishoboka ihagarikwa ry'uruhushya rimara ni amezi atandatu (6);

Iryo hagarikwa rirangira ari uko bigaragaye ko ibyangombwa bisabwa bikurikira byujijwe :

- i. Igihe gito gishoboka cy'ihagarikwa ry'uruhushya rumara cyarangiye ;

The Regulatory Authority shall make a decision to suspend any category of license upon a determination of any of the following:

1. The application for the subject license or any other material submitted to the Regulatory Authority as part of the license application review included false information;
2. The licensee has falsified any record required to be maintained pursuant to this regulation or any license or order issued pursuant thereto;
3. The licensee committed a second violation of the same provision of this regulation or any license or order issued pursuant thereto;

The Regulatory Authority shall suspend a license in accordance with the provisions of this regulation as follows:
The minimum duration of the suspension shall be six (6) months;

A suspension shall terminate only upon a finding that the following requirements have been satisfied:

- i The minimum duration of the suspension has elapsed;

L'Autorité de Régulation prend la décision de suspendre toute catégorie de licence à la suite de la constatation de l'un des éléments suivants :

1. La demande de licence en question ou tout autre document soumis à l'Autorité de Régulation dans le cadre de l'examen de la demande de licence comprenant de fausses informations ;
2. Le titulaire de la licence a falsifié tout enregistrement requis pour être maintenu conformément au présent règlement ou toute licence ou ordonnance délivrée en vertu du présent règlement ;
3. Le titulaire de la licence a commis une deuxième violation de la même disposition du présent règlement ou de toute licence ou ordre en vertu du présent règlement ;

L'Autorité de Régulation suspend une licence conformément aux dispositions du présent règlement comme suit :
La durée minimale de la suspension est de six (6) mois ;

La suspension ne prend fin qu'après avoir constaté que les conditions suivantes ont été remplies :

- i. La durée minimale de la suspension est écoulée ;

- ii. Uwahawe uruhushya yikosoye ku byo yari yanyuranyije nabyo byose byashingiweho mu ihagarikwa ry'uruhushya ;
- iii. Uwahawe uruhushya asabye mu nyandiko Urwego Ngenzuramikorere ko rwarangiza ihagarikwa ry'uruhushya yahawe.

Ubusabe bwanditse buba bukubiyemo amakuru agaragaza ko ingamba zafashwe mu gukosora ibitaragenze neza zamaze gushyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 59 : Kwambura uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwambura uruhushya iyo hagaragaye kimwe muri ibi bikurikira:

- a) Uwahawe uruhushya hari ibyo yanyuranyije nabyo mu biteganyijwe n'aya mabwiriza cyangwa inshingano izo arizo zose zikubiye mu uruhushya ;
- b) Uwahawe uruhushya atakosoye icyasabwaga cya ngombwa cyatumye uruhushya ruhagarikwa hakurikijwe aya mabwiriza ;
- c) Uwahawe uruhushya yakozwe amakosa Urwego Ngenzuramikorere rubona ko yagize icyo yangiza kuri rubanda ku buryo bukomeye ;
- d) Iyo uwahawe uruhushya atubahirije amabwiriza bigenga uruhushya yahawe ;

- ii The licensee has addressed all violations upon which the suspension was based;
- iii The licensee has submitted a written request to the Regulatory Authority to terminate the suspension.

The written request shall include documentation demonstrating that the requisite corrective action has been implemented.

Article 59: Revocation of Licence

The Regulatory Authority may revoke a license upon a determination of any of the following:

- a) The licensee has committed a subsequent violation of the provisions of this regulation or any license obligations;
- b) The licensee has failed to correct any condition for which a license has been suspended pursuant to this regulation;
- c) The licensee has committed violation which the Regulatory Authority determines, has caused substantial harm to the public;
- d) The Licensee failure to comply with license terms and conditions;

- ii. Le titulaire de la licence a corrigé toutes les violations sur lesquelles la suspension été fondée ;
- iii. Le titulaire de la licence a demandé par écrit à l'Autorité de Régulation de mettre fin à la suspension.

La demande écrite comprend une documentation démontrant que les mesures correctives requises ont été mises en œuvre.

Article 59 : Révocation de la licence

L'Autorité de Régulation peut révoquer une licence après avoir constaté l'un des éléments suivants :

- a) Le titulaire de la licence a commis une violation subséquente des dispositions du présent règlement ou de toute autre obligation de licence ;
- b) Le titulaire n'a pas corrigé une condition pour laquelle une licence a été suspendue en vertu du présent règlement ;
- c) Le titulaire de la licence a commis une violation que l'Autorité de Régulation détermine qu'elle a causé un préjudice grave au public ;
- d) Le non-respect des termes et conditions par le titulaire de la licence ;

e) Iyo uwahawe uruhushya aretse ibikorwa yaherewe uruhushya ;	e) The Licensee abandonment of license activities;	e) L'abandon par le titulaire de la licence des activités de licence ;
f) Iyo uwahawe uruhushya ananiwe gushyikiriza Urwego Ngenzuramikorere amakuru yerekeye igenzura n'imenyesha bisabwa n'uruhushya yahawe cyangwa yananiwe gufatanya n'abakora igenzura n'isuzuma bikorwa n'Urwego Ngenzuramikorere ;	f) The Failure of the licensee to provide the Regulatory Authority with monitoring and reporting data required by the license or failure to cooperate with the Regulatory Authority inspection and audits;	f) Le non respect par le titulaire de licence de fournir à l'Autorité de Régulation les données de surveillance et des rapports requis par la licence ou de la non-coopération avec l'inspection et les audits de l'Autorité de Régulation ;
g) Iyo uwahawe uruhushya yatanze amakuru cyangwa ibisobanuro bitari ukuri cyangwa yabeshye abigambiriye Urwego Ngenzuramikorere mu gihe yasubizaga ibyo abajijwe cyangwa yategetswe n'Urwego Ngenzuramikorere ku byerekeye ikurikirana, raporo, isuzuma cyangwa igenzura ;	g) The Licensee submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to its request or to the Regulatory Authority's monitoring, reporting, inspection or audit requirements;	g) La transmission par le Titulaire de la licence de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à sa demande ou pendant que l'Autorité de Régulation mène les activités de contrôle, de déclaration, d'inspection ou de vérification ;
h) Iyo uwahawe uruhushya atemereye Urwego Ngenzuramikorere kugera mu gihe kigenwe ku nyubakoze rugamije kugenzura, gusuzuma no gusoma amadosiye y'abahawe impushya ;	h) The Licensee's failure to provide the Regulatory Authority timely access to its facilities for audit and inspection purposes and to licensee records;	h) Le non respect par le titulaire de la licence de fournir à l'Autorité de Régulation l'accès en temps opportun à ses installations aux fins d'audit et d'inspection à ses dossiers ;
i) Iyo sosiyete yahombye, yananiwe kwishyura imyenda yayo cyangwa iri mu iseswa ;	i) The Bankruptcy, financial insolvency or liquidation of the company;	i) La faillite, l'insolvabilité financière ou la liquidation de la société ;
j) Iyo uwahawe uruhushya atabashije gutanga amafaranga y'igenzuramikorere yishyurwa Urwego Ngenzuramikorere.	j) Licensee's failure to pay the Regulatory Authority's regulatory fees.	j) Le non-paiement par le Titulaire de la licence des frais de régulation de l'Autorité de Régulation.
Umuntu wese ufite uruhushya rwavanweho ntiyemerewe kongera gusaba urundi ruhushya.	Any person whose license has been revoked shall be ineligible for admission to any other re-application.	Toute personne dont la licence a été révoquée n'est pas éligible à toute autre nouvelle demande.
Umuntu wese ufite uruhushya rwahagaritswe, rwavanweho cyangwa rutongerewe hakurikijwe	Any person whose license has been suspended, revoked, or not renewed pursuant to this regulation	Toute personne dont la licence a été suspendue, révoquée ou non renouvelée en vertu du présent

aya mabwiriza ntatwira nk'uwahawe uruhushya kandi ntatwira kugira igikorwa akora igihe cyose uruhushya rwe rutarakomorerwa cyangwa ngo ahabwe urundi ruhushya n'Urwego Ngenzuramikorere.

Iyo uruhushya rwavanyweho, ivanyweho rihita rigira agaciro uhereye ku muni rwavanyweho kandi uwaruhawe agomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'ine (14) ikurikira umuni rwavanyweho, kurubaza Urwego Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 60 : Ubujurire ku bibazo byerekeye uruhushya

Iyo usaba atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'Urwego Ngenzuramikorere cyo kwanga kumuha uruhushya kandi mu gihe icyo kibazo kidakemutse bitanyuze mu nkiko, ashobora kujurira urukiko rubifitiye ububasha.

Uburyo bukurikizwa mu kujurira bugenwa mu mabwiriza ajyanye no gukemura amakimbirane. Iyemezo by'Urwego Ngenzuramikorere bikomeza gukurikizwa kugeza igihe urukiko rufatiye icyemezo ntakuka.

Ingingo ya 61 : Igihe impushya zimara

Usaba uruhushya ashobora kugaragaza mu busaba igihe yifuza ko uruhushya ruzamara.

Urwego Ngenzuramikorere rutanga uruhushya mu gihe cyagenwe, rw'igihe kingana nibura

shall not be considered as a licensee and shall not conduct any activity as such until the license has been reinstated or a new license has been issued by the Regulatory Authority.

If the licence has been revoked, it shall have an immediate effect from the date of revocation and the licensee shall within fourteen (14) days from the date of revocation of the license return the licence to the Regulatory Authority.

Article 60: Appeal on license matters

Where the applicant is not satisfied with the decision of the Regulatory Authority refusing to grant the license and, after failure of an out of court settlement, he/she may appeal before the competent Court.

The procedure for appeal shall be set in the dispute resolution regulations.
The Regulatory Authority decisions shall remain effective pending a final judicial decision on the appeal.

Article 61: Validity of the licenses

The license applicant may request a specific period of time for the license term in the application.

The Regulatory Authority shall issue a license for a defined period of time, for not less than five (5) years and not more than fifteen (15) years;

règlement n'est pas considérée comme titulaire de licence et ne doit exercer aucune activité en tant que telle tant que la licence n'a pas été rétablie ou qu'une nouvelle licence ait été délivrée par l'Autorité de Régulation.

Si la licence a été révoquée, la révocation a un effet immédiat à compter de la date de révocation et l'opérateur doit, dans les quatorze (14) jours suivant la date de révocation de la licence, retourner la licence à l'Autorité de Régulation.

Article 60: Recours en matière de licence

Si le demandeur n'est pas satisfait de la décision de l'Autorité de Régulation refusant d'octroyer une licence et, en cas de défaut de règlement extrajudiciaire, il peut faire recours auprès de la juridiction compétente.

La procédure de recours est prévue dans le Règlement relatif à la résolution des différends. Les décisions de l'Autorité de Régulation demeurent en vigueur jusqu'à ce qu'une décision judiciaire définitive soit rendue.

Article 61 : Validité des licences

Le demandeur de licence peut spécifier dans la demande une période de temps qu'il souhaite que sa licence dure.

L'Autorité de Régulation délivre une licence pour une période déterminée, pendant au moins cinq (5) ans et au plus quinze (15) ans;

n'imyaka itanu (5) kandi kitarengeje imyaka cumi n'itanu (15);

Urwego Ngenzuramikorere rushobora gusuzuma amabwiriza adafatwa nk'itegeko mu gushyiraho igihe uruhushya rumara :

- a. Agaciro k'uruhushya rwa serivisi zo gukwirakwiza amazi kuri bose ni imyaka cumi n'itanu (15) ;
- b. Agaciro k'uruhushya rwo gucunga ibikorwaremezo byo gukwirakwiza amazi kagendera ku gihe cy'amasezerano yakoranywe na ba nyiri ibyo bikorwaremezo ;
- c. Agaciro k'uruhushya rwo gukwirakwiza amazi aranguzwa ni imyaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 62: Amafaranga atangwa ku ruhushya

Amafaranga atangwa ku ruhushya agenwa hakurikijwe icyiciro cy'uruhushya rusabwa kivugwa ku mugereka wa mbere (1) w'aya mabwiriza.

Icyiciro cya 3 : Uburenganzira n'Inshingano by'abahawe impushya

Ingingo ya 63: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya

Hakurikijwe aya mabwiriza, uwahawe uruhushya afite uburenganzira bukurikira:

The Regulatory Authority may consider the following non-binding norms in establishing a license term:

- a. The validity of Water Utility license is fifteen (15) years;
- b. The validity of Water supply infrastructure management license shall depend on an agreement duration with the asset holder;
- c. The validity of Bulk water supply license is fifteen (15) years.

Article 62: License fees

The license fees to be applied depend on the category of the License applied for as attached in annex one (1) of this regulation.

Section 3: Rights and obligations of the licensees

Article 63: Rights of licensee

Under this regulation, the Licensee has the following rights:

L'Autorité de Régulation peut considérer les normes non contraignantes suivantes pour établir une période de licence :

- a. La validité de la licence de service d'eau pour le public est de quinze (15) ans ;
- b. La validité de la licence de gestion des infrastructures d'approvisionnement en eau dépendra de la durée d'un contract conclu avec le propriétaire de ces infrastructures ;
- c. La validité de la licence d'approvisionnement en eau en gros est de quinze (15) ans.

Article 62 : Frais de licence

Les frais de licence applicables dépendent de la catégorie de la licence demandée qui figure à l'annexe un (1) du présent règlement.

Section 3: Droits et obligations des titulaires des licences

Article 63: Droits du titulaire de licence

En vertu du présent règlement, le titulaire de la licence jouit des droits suivants:

- | | | |
|---|--|---|
| <p>a. Gutanga serivisi z'amazi mu buryo yihariye mu gace atangamo serivisi ye ;</p> <p>b. Kwishyuza abakiriya serivisi z'amazi bahawe hakurikijwe igipimo cy'ayo bakoresheje ;</p> <p>c. Gusaba Urwego Ngenzuramikorere kuvugurura ibiciro no gusobanura impamvu z'iryo hinduka ry'ibiciro. Umushinga wo gusubira ku biciro wagombye gutangwa amezi atatu (3) mbere y'itariki ibiciro biteganyijwe gutangira kubahirizwa kugira ngo byorohereze Urwego Ngenzuramikorere gukora igenzura ryo guhinyuza ;</p> <p>d. Kwinjira mu mazu no mu mitungo biri mu gace serivisi zitangirwamo kugira ngo agenzure kandi ahashyire ibikoresho bya serivisi atanga ;</p> <p>e. Gukurura amazi no kugenzura imyanda ijugunywa mu nzira z'imyanda no kugira imyanda ajugunya mu mazi atemba hakurikijwe amabwiriza agenga ibidukikije ;</p> <p>f. Gucunga, gukoresha no kwifashisha imitungo atayibangamiye birenze ibyari ngombwa ;</p> <p>g. Kuregera inkiko igihe abakiriya banyuranyije n'inshingano ze cyangwa abandi bantu ku buryo bituma hagira ibyangirika cyangwa bikabangamira serivisi atanga ;</p> <p>h. Kugirana amasezerano na ba rwiyekezamirimo bigenga bamutangira serivisi, harimo</p> | <p>a. To solely and exclusively provide water services in its service area;</p> <p>b. To make customers pay for the provision of water services in proportion to their consumption;</p> <p>c. To apply for tariff review to the Regulatory Authority and set out the reasons for such change. The tariff adjustment proposal should be submitted three months (3) prior to the proposed effective date to allow the Regulatory Authority to perform any cross-check;</p> <p>d. To enter premises and properties within the service area to inspect and install services;</p> <p>e. To abstract water and control discharges to sewers and make discharges to watercourses according to environmental regulations;</p> <p>f. To manage, use and operate assets without undue interference;</p> <p>g. To take legal action for breach of obligations by customers and other persons causing damage or adversely affecting the services;</p> <p>h. To contract out services including management, administration, repair and maintenance to independent contractors but</p> | <p>a. Fournir uniquement et exclusivement des services d'eau dans sa zone de service ;</p> <p>b. Amener les clients à payer la prestation des services d'eau proportionnellement à leur consommation ;</p> <p>c. Demander une révision tarifaire à l'Autorité de Régulation et définir les raisons de cette modification. La proposition d'ajustement tarifaire devrait être soumise trois (3) mois avant la date d'entrée en vigueur proposée pour permettre à l'Autorité de Régulation de procéder à une contre-vérification ;</p> <p>d. Entrer dans les locaux et les propriétés dans la zone de service pour inspecter et installer les services ;</p> <p>e. Extraire l'eau et contrôler les rejets dans les égouts et faire des rejets dans les cours d'eau conformément aux règlements environnementaux ;</p> <p>f. Gérer, utiliser et exploiter des biens sans ingérence excessive ;</p> <p>g. Intenter une action en justice pour violation de ses obligations par les clients et les autres personnes qui causent un dommage ou une atteinte aux services ;</p> <p>h. Sous-traiter les services, y compris la gestion, l'administration, la réparation et la maintenance aux entrepreneurs</p> |
|---|--|---|

iz'imicungire, ubutegets, gusana no gufata neza ibikoresho, ariko utanga serivisi akomeza kubazwa n'uwahawe uruhushya uko asohoz inshingano zo gukwirakwiza amazi.

the provider shall remain responsible to the licensee for the provision of water services.

indépendants, mais le prestataire demeure responsable envers le titulaire de la licence pour la fourniture de services d'approvisionnement en eau.

Ibyo byangombwa bisabwa n'ibiteganyijwe nta na rimwe bifatwa nko kubuza cyangwa kubangamira uwahawe uruhushya kuba yakubahiriza ingingo zose zitenganywa n'amategeko akurikizwa.

These conditions and provisions shall in no way be deemed to prevent or stop the licensee from complying with all relevant provisions of relevant laws.

Ces conditions et dispositions ne sont en aucun cas considérées comme empêchant ou entravant le titulaire de la licence de se conformer à toutes les dispositions des lois en vigueur.

Ingingo ya 64: Inshingano z'uwahawe uruhushya

Article 64: Obligations of the licensee

Article 64 : Obligations du titulaire de licence

Abatanga serivisi zo gukwirakwiza amazi bafite inshingano zikurikira :

The Water service providers shall have the following obligations:

Les prestataires de services d'eau ont les obligations suivantes:

- a. Gutanga amazi meza no kugenzura, hakurikijwe icyiciro cy'uruhushya, ko amazi y'imyanda avanwa mu gace aho serivisi itangirwa hakurikijwe amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bikurikizwa byashyizweho n'Urwego Ngenzuramikorere ;
- b. Kurinda iyangirika ry'ubwiza bw'amazi mu gihe atwarwa cyangwa akwirakwizwa ;
- c. Kugenzura ko ibikoresho n'ibikorwaremezo by'amazi bicungwa neza, bikoroshwa kandi bigafatwa neza;
- d. Kwishyura amafaranga agomba uwahawe uruhushya n'andi mafaranga yose y'igenzuramikorere ;

- a. To supply potable water and depending on the type of license provide effective sanitary removal of sewage in the service area in accordance with relevant standards and guidelines issued by the Regulatory Authority;
- b. to prevent any deterioration of water quality during transport and distribution of water;
- c. To ensure that all water service facilities and infrastructure are well managed, operated and maintained;
- d. To pay the licensee fee and all regulatory levies;

- a. Fournir de l'eau potable et, selon le type de licence, assurer l'élimination sanitaire efficace des eaux usées dans la zone de desserte conformément aux normes et lignes directrices en vigueur mise en place par l'Autorité de Régulation ;
- b. Empêcher toute détérioration de la qualité de l'eau pendant le transport et la distribution de l'eau ;
- c. Veiller à ce que toutes les installations et infrastructures d'eau soient bien gérées, exploitées et entretenues ;
- d. Payer les frais dus par le titulaire de la licence et toutes les redevances réglementaires ;

- | | | |
|---|--|---|
| <p>e. Guha Urwego Ngenzuramikorere inyandiko z'ibaruramari rya buri mwaka n'ishusho y'umutungo ;</p> <p>f. Gufungura konti ibitswaho izakoresha n'abakiriya nyuma yo gutangiza imirimo no gusubiza abakiriya amafaranga yabo babikije nyuma y'uko serivisi ihagaze ;</p> <p>g. Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo gucunga imitungo n'ibikurikizwa byerekeye serivisi zo gufata neza ibikoresho mu rwego rwo kugenzura ko imirimo ya buri gihe ikorwa neza kandi ko imitungo n'ibikorwaremezo bifatwa neza mu rwego rwo kubirinda ;</p> <p>h. Kugenzura ko imirimo yose ya tekini, ubucuruzi, imari n'ubutegetsi ya ngombwa ikorwa mu buryo bukurikije umwuga w'ubucuruzi kandi ko serivisi zitangwa hakurikijwe amahame yo kwishyura amafaranga yakoreshejwe nk'uko yagenwe mu mabwiriza yo gusubira ku biciro yagenwe kandi agatangwa n'Urwego Ngenzuramikorere ;</p> <p>i. Kwemererwa n'Urwego Ngenzuramikorere kugira ngo ashyireho ibiciro no kureba ko byubahirizwa hakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'Urwego Ngenzuramikorere ;</p> | <p>e. To provide to the Regulatory Authority the annual financial statements and balance sheet;</p> <p>f. To open a deposit account that shall be used to receive customer deposits upon initiation of service and to refund customers their deposits after termination of service;</p> <p>g. To create and implement an asset management plan and procedures for maintenance services to provide for the efficient routine and preventative maintenance of the assets and facilities;</p> <p>h. To ensure that all necessary technical, commercial, financial and administrative functions are performed in a commercially manner and that the service is provided according to cost recovery principles set out in the tariff adjustment guideline issued and set by the Regulatory Authority;</p> <p>i. To obtain approval from the Regulatory Authority for charging tariffs and to apply them according to guidelines issued by the Regulatory Authority;</p> | <p>e. Fournir à l'Autorité de Régulation les états financiers annuels et le bilan ;</p> <p>f. Ouvrir un compte de dépôt qui sera utilisé pour recevoir les dépôts des clients après le démarrage du service et rembourser les dépôts des clients après la cessation de service ;</p> <p>g. Créer et mettre en œuvre un plan de gestion des biens et des procédures pour les services de maintenance pour assurer efficacement les travaux de routine et l'entretien préventif des propriétés et des installations ;</p> <p>h. S'assurer que toutes les fonctions techniques, commerciales, financières et administratives nécessaires sont exécutées de manière commerciale et que le service est fourni conformément aux principes de recouvrement des coûts énoncés dans la directive d'ajustement tarifaire émise et fixée par l'Autorité de Régulation ;</p> <p>i. Obtenir l'approbation de l'Autorité de Régulation pour imposer les tarifs et les faire appliquer conformément aux directives émises par l'Autorité de Régulation ;</p> |
|---|--|---|

- j. Guhabwa impushya zose, ibyemezo n'ibindi yizezwa bya ngombwa hakurikijwe itegeko mbere yo gushyira mu bikorwa inshingano ze ;
- k. Gukoresha abakozi bafite impamyabushobozi kandi bashoboye akazi kugira ngo bakore ku buryo imirimo idashobora gutera ibibazo ubuzima n'umutekano by'abantu ;
- l. Kongera ubumenyi n'ubushobozi by'abakozi binyuze muri gahunda y'amahugurwa ateguye neza ;
- m. Kongera uduce serivisi zitangwamo hakurikijwe politiki n'ingamba by'Igihugu ;
- n. Kugenzura ko uburyo bwo guhanahana amakuru buhuzwa n'igihe ;
- o. Gutegura no guzuma gahunda y'ibikorwa n'ibijyanye n'imari ;
- p. Kubahiriza inshingano zo gutanga raporo buri gihembwe na buri mwaka n'indi raporo iyo ariyo yose yagenwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

UMUTWE WA VI: GUKURIKIRANA IMITANGIRE YA SERIVISI ZO GUKWIRAKWIZA AMAZI

Icyiciro cya mbere: Gukurikirana

Ingingo ya 65: Igenzura n'isuzuma ry'ibikorwa

Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira busesuye bwo gukoresha

- j. To obtain all necessary licenses, permits and warranties under law before carrying out its obligations;
- k. To employ qualified and competent personnel to ensure that tasks subjected to health risks and safety of persons are avoided;
- l. To enhance the skills and competency of personnel through a well elaborated training program;
- m. To increase the service coverage according to the national policy and strategy;
- n. To maintain updated information systems;
- o. To prepare and review the business plan and finance activities;
- p. To comply with quarterly and annual reporting obligations and any other reporting as prescribed by the Regulatory Authority.

CHAPTER VI: MONITORING OF WATER SUPPLY SERVICE PROVISION

Section One: Monitoring

Article 65: Auditing and Inspections

The Regulatory Authority has full right to conduct independent audits or inspections as required and

- j. Obtenir toutes les licences, permis et garanties nécessaires en vertu de la loi avant d'exécuter ses obligations ;
- k. Employer le personnel qualifié et compétent pour faire en sorte que les tâches soumises aux risques sanitaires et à la sécurité des personnes soient évitées ;
- l. Améliorer les connaissances et les compétences du personnel grâce à un programme de formation bien élaboré ;
- m. Augmenter la couverture des services en fonction de la politique et de la stratégie nationales ;
- n. Maintenir une mise à jour des systèmes d'information ;
- o. Préparer et examiner le plan d'action et les activités financières ;
- p. Se conformer aux obligations de rapport trimestriel et annuel et à tout autre rapport prescrit par l'Autorité de Régulation.

CHAPITRE VI: SUIVI DE PRESTATION DE SERVICE D'APPROVISIONNEMENT EN EAU

Section première: Suivi

Article 65 : Audit et inspections

L'Autorité de Régulation a le plein droit de procéder aux audits ou inspections indépendantes

igenzura cyangwa isuzuma mu bwigenge hakurikijwe ibikenewe no kubasha kugera ku biro, aho imirimo ikorerwa no ku nyandiko by'uwahawe uruhushya igihe icyo aricyo cyose kugira ngo rwegeranye kandi rugenzure amakuru akenewe.

Uwahawe uruhushya agomba buri gihe gufatanya n'Urwego Ngenzuramikorere no gutanga amakuru akenewe igihe hakorwa iperereza no kugenzura amakuru yatanze ko ari ukuri.

Ingingo ya 66 : Gukurikirana impushya zatanze

Urwego Ngenzuramikorere rukurikirana buri wese wahawe uruhushya kugira ngo rube ko yubahiriza amategeko yose n'amabwiriza bigenga uruhushya yahawe.

Urwego Ngenzuramikorere rugomba gushyira mu mabwiriza akubiye mu ruhushya rusaba ko uwahawe uruhushya atanga raporo ku makuru yerekeye imari, tekini n'andi makuru akenewe kugira ngo Urwego Ngenzuramikorere rubashe kugenzura neza iyubahirizwa ry'uruhushya rwatanze no kureba ko haba iterambere mu ipiganwa ku isoko no kugenzura ko hashyirwaho ibicio biboneye.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kandi gukora amagenzura rwigerera aho inyubako by'uwahawe uruhushya biri no ku nyandiko za sosiyete zerekeye aho imirimo y'uwahawe uruhushya ikorerwa. Iryo genzura rishobora

with full access to the Licensee offices, premises and documents at any time and under any circumstances in order to collect and verify any required information.

The Licensee shall always fully cooperate with the Regulatory Authority and provide any necessary information during investigation and shall ensure the accuracy of the provided information.

Article 66: License monitoring

The Regulatory Authority shall monitor the performance of each license holder for full compliance with all terms and conditions of the license.

The Regulatory Authority shall include terms and conditions in the license requiring licensee to report on financial, technical, organization and other data needed to allow the Regulatory Authority to effectively monitor license compliance to ensure progress toward a competitive market place and to ensure accurate tariff setting.

The Regulatory Authority may also perform physical inspections of the license holder's facilities and corporate records on license holder's premises. These inspections may be conducted on an announced and unannounced basis. The inspections and audits

nécessaires et avoir pleinement accès aux bureaux, aux locaux et aux documents du titulaire de licence à tout moment et en toute circonstance afin de recueillir et de vérifier les informations requises.

Le titulaire de licence doit toujours coopérer pleinement avec l'Autorité de Régulation et fournir toute information nécessaire lors de l'enquête et veiller à l'exactitude des informations fournis.

Article 66 : Suivi des licences octroyées

L'Autorité de Régulation fait le suivi de la performance de chaque titulaire de licence pour la pleine conformité avec toutes les termes et termes de la licence.

L'Autorité de Régulation doit inclure dans la licence les termes et les conditions qui exigent le titulaire de licence de faire rapport sur les données financières, techniques, organisationnelles et autres données nécessaires pour permettre à l'Autorité de Régulation de contrôler efficacement la conformité aux conditions de la licence et assurer du progrès visant une place du marché concurrentiel et de l'exactitude des tarifs fixés.

L'Autorité de Régulation peut également effectuer des inspections physiques des installations du titulaire de licence et des documents d'entreprise dans les locaux du titulaire de la licence. Ces inspections peuvent être effectuées sur une base

gukorwa ryategujwe cyangwa ritunguranye. Iryo suzuma n'igenzura bikorwa mu masaha asanzwe y'akazi, keretse iyo Urwego Ngenzuramikorere rufite impamvu rusingiraho kugira ngo rwemere ko hari ibikorwa bidakurikije amabwiriza birimo gukorwa hanze y'amasaha asanzwe y'akazi.

Urwego Ngenzuramikorere rusuzuma imikorere ya buri wese wahawe uruhushya kugira ngo rugenzure niba yubahiriza uko bikwiye amategeko n'amabwiriza yose akubiye mu ruhushya yahawe.

Icyiciro cya 2: Ishyirwa mu bikorwa

Ingingo ya 67: Kubahiriza amategeko n'amabwiriza

Uwahawe uruhushya agomba gukurikiza ibikubiye muri aya mabwiriza n'andi mategeko agenga imitangire ya serivisi zo gukwirakwiza amazi.

Kutubahiriza ibikubiye muri aya mabwiriza ndetse n'amategeko bigenga uruhushya rwatanzwe biviramo ubikoze gufatirwa ibyemezo ngenzuramikorere hagamijwe gukosora uko guteshuka ku nshingano mu gihe cyagenwe cyangwa gufatirwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi.

shall be conducted during normal business hours, except when the Regulatory Authority has a reasonable basis to believe that non-compliant activities are occurring outside of normal business hours.

The Regulatory Authority shall monitor the performance of each licensee for full compliance with all terms and conditions of the license.

Section 2: Enforcement

Article 67: Compliance with laws and regulations

The licensee shall comply with the provisions of this regulation and other laws and regulations governing water supply service provision.

The non compliance with provisions set out in this regulation as well as license terms and conditions shall lead to regulatory measures to remedy the failure within a specified period of time and/or administrative sanctions.

annoncée et improvisée. Les inspections et les audits sont effectués pendant les heures normales d'ouverture, sauf lorsque l'Autorité de Régulation a une cause raisonnable qui lui fait croire que des activités non conformes se font en dehors des heures normales d'ouverture.

L'Autorité de Régulation fait le suivi de la performance de chaque Titulaire d'une licence pour s'assurer de la pleine conformité avec tous les termes et conditions de la licence.

Section 2: Exécution

Article 67: Respect des lois et règlements

Le titulaire d'une licence doit se conformer aux dispositions du présent règlement et d'autres lois et règlements régissant la prestation des services d'approvisionnement en eau.

Le non-respect des dispositions du présent règlement ainsi que des termes et conditions de la licence entraîne des mesures réglementaires visant à remédier à tout manquement dans un délai déterminé et/ou à des sanctions administratives.

Ingingo ya 68 : Ingamba zerekeye ishyirwa mu bikorwa

Iyo Urwego Ngenzuramikorere rusanze uwahawe uruhushya atarubahirije inshingano zikubiye mu ruhushya cyangwa ibiteganyijwe muri aya mabwiriza, Urwego Ngenzuramikorere rwoherereza uwahawe uruhushya ibaruwa imwihanangiriza ikubiyemo igihe agomba kuba yakosoye ibyo aregwa kuba atubahirije.

Iyo uwahawe uruhushya, nyuma yo gushyikirizwa n'Urwego Ngenzuramikorere ibaruwa imwihanangiriza, adakosoye ibyo aregwa kuba atarubahirije, Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutangiza inzira zigamije ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza agenga uruhushya yahawe, ku buryo iyo nzira yamuviramo gucibwa ibihano by'amafaranga, ihindurwa, ivanwaho cyangwa ihererekanya ry'uruhushya yahawe.

Mu gihe uwahawe uruhushya akosoye ibyo yari yishe nyuma yo gushyikirizwa integuza n'Urwego Ngenzuramikorere, Urwego Ngenzuramikorere rushobora nanone gutangiza inzira zihatira ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza agenga uruhushya yahawe mu rwego rwo kumushyiraho ibihano by'amafaranga cyangwa ihindurwa, ivanwaho cyangwa se ihererekanywa ry'uruhushya yahawe.

Article 68: Enforcement Action

If the Regulatory Authority determines that the licensee has failed to comply with any term or condition of the license and/or the provisions of this regulation, the Regulatory Authority shall send a written warning to the licensee including a deadline for correction of the alleged violation.

If the license holder, after reception of the warning from the Regulatory Authority, does not cure the alleged non-compliance, the Regulatory Authority may open a license enforcement proceeding, which may consist of monetary sanctions, license modification, revocation or transfer.

If the licensee remedies the violation following reception of the Regulatory Authority notice, the Regulatory Authority may still commence a license enforcement proceeding in order to impose financial sanctions or license modification, revocation or transfer in order to address the historic violation.

Article 68 : Mesures d'exécution

Si l'Autorité de Régulation détermine que le titulaire de licence n'a pas respecté les termes et les conditions de licence et/ou aux dispositions du présent règlement, l'Autorité de Régulation envoie une mise en demeure au titulaire lui signifiant un délai pour la correction de la violation alléguée.

Si le titulaire de la licence, après avoir reçu l'avertissement de l'Autorité de Régulation, ne corrige pas la non-conformité alléguée, l'Autorité de Régulation peut initier une procédure d'exécution de la licence, qui peut entraîner des sanctions pécuniaires, une modification, une révocation ou un transfert de licence.

Si le titulaire de la licence remédie à la violation suite à la réception de la notification de l'Autorité de Régulation, cette dernière peut encore entamer une procédure d'exécution de la licence afin d'imposer des sanctions pécuniaires ou la modification, la révocation ou le transfert de la licence afin de corriger la violation du passé.

Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe ku mugereka wa gatatu (3) w'aya mabwiriza.

UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 69 : Ingingo y'inzibacyuho

Abantu bose basanganywe impushya zo gutanga serivisi zo gukwirakwiza amazi bahawe amezi atandatu (6) kugira ngo bakurikize aya mabwiriza.

Ingingo ya 70 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza yabanjirije iri kandi zinyuranye naryo zivanyweho, cyane cyane Amabwiriza n° 009/SAN/ RURA/2012 yo kuwa 8 Kamena 2012.

Ingingo ya 71: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

